KABONABAKE Thomas
C/O Presse KINYAMATEKA
B.P. 761 KIGALI .-

Kigali, le 5/6/1987 .-

Bazatindi
Jour avis
16/6/87

Entrée le 10 JUIN 1987
N° indicateur ..............
A traiter par ..............
Classement ..............

Kuli Bwana Ministri w'Amashuli Makuru
n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga
KIGALI .-

DGCA
Pour appréciation
10/6/87.

Impamvu : Gusubiza ibibazo

Bwana Ministri,

Mbanje kubashimira ibarwa mwanyandikiye kw'italiki ya 29 Gicurasi 1987 isubiza iyo nabandikiye ku ya 6 Mata 1987. Kubyo munsaba gusobanura ni byiza uretse ko ntizeye ko mbisobanura uko mubyifuza.

- Ibibazo bili kuli aya mafishi ndabyujuje uretse ko ntabyujuje byose kubera ko ntarasoza ubushakashatsi bwanjye.
- Ibyo maze kugeraho sinavuga ko ali bike, sinavuga na none ko ali byinshi kuko nshigaje Prefegitura 3 ntarageramo, dore ko niyemeje kuzihetura zose. Ali mu rwego rwo kuraguza, gucisha imiti ya kinyarwanda no gusura aho babandwa , kugeza ubu nageze :

IZAZA mu Gisaka, i Nyamirama muli Kayonza, iburagurabana aliho bita muli Nyanga (Komini Rukara), ku musozi wa Munyinya ho muli Komini Kinyami, i Nyagasambu, Remera ya Rubungo, Kajevuba, mu Biryogo na Muhima hose ni muli Kigali, i Rugobagoba no ku Mugina muli Gitarama, ku musozi wa Shyanda ho muli Butare, i Runyombyi muli Gikongoro, i Busasamana muli Komini Rwerere ku Gisenyi. Muli izo ngendo zose aho natinze ni mu Ruhengeri cyane cyane muli za Komini Nkuli, Mukingo, Kinigi na Butaro ali nazo nasanzemo imico yo kubandwa ku manywa kandi ku mugaragaro (amafoto nzabafata azabereka ibyo baba bambaye) ni naho baragura, baterekera bakanatanga ibyo bita inzaratsi. Ni naho nasanze umuco wo gutura Imana zabo dore ko abenshi bazifite ahitwa i NDORWA muli Butaro. Inyandiko zanjye kuli byo zimaze kuzura amakayi 26 amwe y'amapaji 24 kandi ndacyakomeza.

Sinshidikanya ko ubushakashatsi bwanjye bwazagira icyo bwungura ubumenyi n'ubuhanga muli urwo rwego cyane cyane ko nzaba ngaragaza ibyo nemeye nibyo nenga, kereka yenda niba hali undi waba yarantanze kubagezaho ubushakashatsi bw'urwo rwego.

...//...

Imari n'ibikoresho by'ingenzi nkeneyeho inkunga si byinshi cyane uretse ko alibyo byamfasha gusoza neza kandi vuba uwo mugambi niyemeje. Kubera ko ngikeneye kujya muli Kibuye na Cyangugu ndetse nkaba naremerewe kuzajyana n'abazatura Imana zabo mu NDORWA nkeneye amafranga y'ingendo. Ndorwa ili muli Butare (Ruh) kwaba Rutindangezi. Mbibutse ko aho hose nagiye ngera naremeraga ngatanga umukimbo kugira ngo mbikulikire neza. Abo nasuye bose ngomba gusubirayo kubafata amafoto n'amajwi kandi abenshi barabinyemereye ibyo lero nabyo biracyansaba amafranga y'ingendo ku buryo. nkulikije ayo zimaze kuntwara (nkaba narashiliwe) nshoboye kubona inkunga y'amafaranga ibihumbi magana atatu (300 000 FRW) akabikwa na Musenyeri Inosenti GASABWOYA wa Kinyamateka. niwe wajya angenera ay'urugendo noneho ayazasigara akaba aliyo yazandikisha agatabo nifuza kuzasohora mwaba mukoze.

Naho ku kibazo cy'ibikoresho by'ingenzi nkeneye inkunga y'icyuma gifotora (appareil photo) gitoya aliko gikomeye na za films nka 30 gusa zacyo. icyuma gifata amajwi (enregistreur) nacyo gito aliko gikomeye na kasete 20 zacyo naho isakoshi yo kubitwaramo nazakwirwanaho nkayigulira.

Ibyo bikorwa kugira ngo mbirangize neza kandi vuba nabiterwa n'igihe mwaba mumpereyemo iyo nkunga kuko nshoboye kubihabwa nko muli uku kwezi cyangwa ugutaha. ndemeza ko ako gatabo kasohoka bitarenze impera z'ukwezi kwa Gicurasi 1988.

Ubushakashatsi bwanjye mpisemo kubushyira mu rwego rwa Ministeri y'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga (MINISUPRES) kuko aliyo nzaba nkesha kubugeraho ni namwe nifuza ko mwazankosora mbere y'uko agatabo kandikwa.

Sinarangiza ntabasabye kunyemerera kumha umwe mu bakozi banyu kumperekeza. tukazajyana kuli umwe mu bapfumu biyita kabuhaliwe. nko kwa MUHASHYI cyangwa kwa RWAKABILIGI muli NYANGA na KAYONZA (KIBUNGO). ho azaza ababwira uko yabibonye. dore ko hali ubwo uhasanga umutegetsi runaka yaje kwaka impigi (igiti) kugira ngo azazamurwe mu ntera cyangwa kuba intakoreka.

Mugihe mbizeyeho igisubizo cyiza kandi cya vuba. mbaye mbashimiye Bwana Ministri.

KABONABAKE Thomas .-